RAPPORT

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO**
**UMUCO NA SIPORO**
**B.P.1044**
**KIGALI**

**Kigali, kuwa 13/04/1999**
N0: 1302/21:B1

Kuri Nyakubahwa Minisitiri
w'Urubyiruko, Umuco na
Siporo

**IMPAMVU :**
Kohereza inyandiko-mvugo y'inama yo kuwa 02/04/1999 twagiranye n'abakozi ba Minisiteri.

Nyakubahwa Minisitiri,

Nejejwe no kubohereza kumugereka w'iyi baruwa inyandiko-mvugo y'inama twagiranye n'abakozi ba Minisiteri taliki ya 02 Mata 1999.

Nkuko muri bubisange muri iyi nyandiko, muri iyo nama twavuze ku bintu byinshi byerekeye imikorere n'imikoranire muri iyi Minisiteri yacu, tunavuga no ku bibazo bimwe na bimwe abakozi bafite. Muri byo harimo ibyo twashoboye gucyemurira aho, ibindi bikazashakirwa umuti buhoro buhoro.

Tubifurije kubyakira neza.

Umunyamabanga Mukuru
muri Minisiteri
y'Urubyiruko, Umuco na
Siporo

**BARIKANA Eugène**

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Jeunesse ... et de la Formation Professionnelle
BARIKANA Eugène

**BIMENYESHEJWE**

- Abayobozi b'Imirimo (Directeurs)
- Abayobozi b'Amashami (Chefs des Divisions)
- Abakuru b'Imishinga.

## INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YAHUJE UMUNYAMABANGA MUKURU MURI MIJESCAFOP N'ABAKOZI BA ZA SERVISI ZINYURANYE YO KUWA 02/04/1999

Inama yo kuwa gatanu taliki ya 02/04/1999 yatumiwe kandi ikayoborwa n'Umunyamabanga Mukuru yatangiye saa mbiri n'iminota mirongo ine n'itanu. Ingingo ebyiri nizo zari ku murongo wibyigwa :

1. **IMIKORERE N'IMIKORANIRE ;**
2. **IBINTU N'IBINDI.**

### I. IMIKORERE N'IMIKORANIRE

Umunyamabanga Mukuru yatangiye agira ati : Twese tuzi icyatuzanye, twaje tuje gukorera igihugu cyacu. Ati ariko akazi kose kagira amategeko akagenga. Ati na Leta rero ifite amategeko agenga abakozi bayo. Ati inama ya Leta ijya iyatanga, tuzakora uko dushoboye ajye abajyeraho, ati ndetse dushobora kuzatumira umuntu wo muri Fonction publique akayadusobanurira kugirango hatazagira uwitwaza ko atayazi.

Mu gihe uwo muntu ataraza, Umunyamabanga Mukuru yabwiye abakozi bari mu nama ko haribyo tugomba kumenya kandi tukabyubahiriza. Ibyo nibi bikurikira :

1. **Kuba buri wese afite dossier yuzuye :**

Umunyamabanga Mukuru yavuze ko icyo kibazo aricyo ahanini cyatumye hari abantu bamaze imyaka bakora badehembwa. Aha yavuze ko umuntu wese yakwibaza uko abo bantu babaho. Yavuze ko umuntu kuba umuntu adahembwa bituma akora nabi kuko ahora yirukira aho akaraka kari cyangwa akaniba, kandi ati umuntu ntashobora kuburana uburenganzira bwe atujuje ibyo asabwa. Niyo mpamvu yahaye abadafite dossiers zuzuye icyumweru cyimwe ngo babe bazujuje. Ati utazashobora kubikora hano tuzamufasha kujya kubikora ahandi.

2 **Kuba buri mukozi afite akazi gasobanutse :**

Umunyamabanga Mukuru yavuze ko usibye Direction ya Sports ngo ntabandi baramugezaho inshingano za buri mukozi. Yavuze ko buri Muyobozi yahawe « cadre organique » ngo yuzuzeho abakozi bo mu Buyobozi bwe akaba yizera ko bizihuta maze buri muntu wese akagira inshingano zizwi kandi zisobanutse.

**3 Kubahiriza amasaha y'akazi**

Umunyamabanga Mukuru yibukije abakozi ko akazi gatangira saa mbiri kakarangira sa kumi nimwe. Yaravuze ati birunvikana ko kubera ikibazo cy'imodoka umuntu ashobora gukererwa iminota nka cumi cyangwa cumi n'itanu, byaba bikabije ikaba yagera kuri mirongo itatu ati ariko ntibyunvikana ko umuntu aza ku kazi saa tatu, ati nuwaje n'amaguru aho yaba yaturutse hose muri Kigali yaba yahageze. Yasabye abantu bose kugerageza kubahiriza isaha yo kugera ku kazi. Naho ku kibazo cy'isaha yo gutaha, yavuze ko ahoho ntakugerageza guhari, ni sa cumi nimwe zuzuye. Uwaba afite ikibazo ajye abimenyesha umuyobozi we, nasanga arikibazo kigomba uruhushya koko, arumuhe.

**4 Kujya mu butumwa.**

Umunyamabanga Mukuru yabwiye abakozi ko ordres de mission zizajya zisinywa hakiri kare ku buryo buri wese azajya agenda ajyanye n'amafaranga ye y'urugendo. Yabibukije ko buri cyumweru bagirana inama n'abayobozi bagatanga gahunda y'icyumweru. Nukuvuga rero ko ingendo zose zigomba kuba zarateganijwe mbere nta urgence irimo, ati cyeretse haramutse havutse ikintu kihutirwa ku buryo bugaragara.

**5. Raporo za missions**

Umunyamabanga Mukuru yabwiye abakozi ko umuntu wese ugiye mu butumwa haba mu gihugu cyangwa mu mahanga agomba gutanga raporo agarutse. Ndetse n'abajya mu mahugurwa bagomba kuyitanga kugirango ubumenyi bungutse bugere no ku bandi bose.

**6. Umuco mu bakozi**

Umunyamabanga Mukuru yasabye abakozi ko bagomba kuba intanga rugero ku byerekeye umuco kubera ko Minisiteri yacu ariyo ifite Umuco mu nshingano zayo. Yavuze ko tudakwiriye kubivuga mu magambo gusa, ariko ko dukwiriye kubishyira mu bikorwa. Aha Umunyamabanga Mukuru yatanze zimwe mu ngero z'umuco mwiza zigomba kuturanga nk'abakozi ba Minisiteri y'Umuco :

- Kwakira neza abantu : yanenze ba secrétaires bamwe bakanga abaturage ndetse yavuze ko hari naho abakozi bamwe batinya kwinyira kuko bakirwa nabi. Yavuze ko uzabonekaho ko atazi kwakira neza abantu azabanza ajye kubyiga ;

- Kwambara neza : yavuze ko bitunvikana ko umukozi wa Minisiteri y'Umuco yambara ubusa. Yasabye ko uzajya aza ku kazi yambaye ubusa bazajya bamwirukana akazagaruka yize kwambara neza ;
- Kubana neza n'abandi bakozi : Yabanje gushimira abakozi ba Minisiteri yacu kuko ngo iri muri za Minisiteri zitagaragayeho amakimbirane. Aha ariko yavuze ko niba ataragaragaye hanze bidasobanura ko ntayahigeze. Yavuze ko tutashobora kugera ku inshingano yacu duhuriyeho yo guteza igihugu cyacu imbere, tutabikoze mu bwumvikane. Niyo mpamvu yasabye ko hatazagira ikibazo gisimbuka urwego urwo arirwo rwose. Ati ikizakirwa hejuru nikizaba cyananiranye hasi gusa, ati kandi ntibikwiye ko hagira ikinanirana ;
- Ubusinzi : Umunyamabanga Mukuru yiyamwe abantu baza ku kazi basinze cyangwa basinda mu masaha yakazi. Yongeyeho ndetse ko gusinda atar'umuco mwiza naho byaba nyuma y'amasaha y'akazi. Ati ubusinzi buradindiza ndetse butesha agaciro. Yasabye umuntu wese uzajya agiruwasanga ku nzira yasinze atazajya ahamusiga, ahubwo ko azajya amwandurura, ariko ati aho muzamujyana murahazi…
- Ubusambanyi : Yavuze ko akenshi ubusinzi bujyana n'ubusambanyi. Nabwo yarabwamaganye kuko bufite ingaruka mbi ku buzima bw'umuntu by'umwihariko, bukagira ningaruka mbi ku gihugu. Niyo mpamvu yasabye ko twakwirinda, tukarwana ku buzima bwacu kugirango turebe ko twazagera ku nshingano zacu zo guteza igihugu imbere.

Umunyamabanga Mukuru yashoje iyi ngingo asaba ko buri Muyobozi yagira farde ya buri mukozi ayobora, iyo farde ikajyamo uburyo akora : gucyererwa, gusiba ku kazi nta mpamvu zizwi, gatawanyika, uko buri wese yitabira ibikorwa by'igihugu, ati uko buri muntu wese yitwara kose kwandikwe maze bizadufashe muri cotations z'umwaka.

## II. IBINTU N'IBINDI.

- **Kwitabira ibikorwa byose bya buri Direction** : Umunyamabanga Mukuru yasabye abakozi bose kujya bafatanya mu kazi kose gasaba abantu benshi haba hariho agahimbazamuski cyangwa kaba ntagahari. Yatanze urugero avuga ko muri iyi minsi y'icyunamo akazi katazaharirwa gusa ubuyobozi bw'Umuco kuko ari kenshi cyane. Yongeraho ko mu minsi micye hazatangira amatora y'inzego z'urubyiruko, ati akazi ntikazaharirwe Ubuyobozi bw'Urubyiruko. Ati rero abantu bose baziyambazwa muriyo mirimo basabwe kuzayitabira.
- **Gufashanya :** Umunyamabanga Mukuru yibukije abakozi ko mu muco w'abanyarwanda, iyo umuntu agize ibyago aratabarwa. Niyo ajyize ibyishimo, abandi bishimana nawe, ati byari byiza ko Minisiteri nayo igira inkunga itera abakozi bayo bagize ibyago cyangwa bari mu byishimo, ati ariko nta rubrique ifite yakuraho iyo nkunga, niyo mpamvu yasabye

komisiyo ishinzwe kwiga ikibazo cy'amacumbi y'abakozi ko bakwiga n'uburyo hashyirwaho ikigega cy'abakozi cyajya kivamo iyo nkunga.

- **Ibirarane by'imishahara y'abakozi :** Abafite icyo kibazo basobanuriwe ko ibyo birarane bitateganijwe kuri budget iriho ubu kubera ko ngo mu kwezi kwa cumi k'umwaka ushize, Minisiteri haraho yari yizeye izayakura bituma bidateganywa kuri budget. Ariko babwiwe ko ikigomba gukorwa ubu nukubitegura, hakabaho rubrique ya régularisation bikazatangwa muri révision budgétaire yo mu kwezi kwa gatandatu. Umunyamabanga Mukuru yavuze ko hari ikibazo kuko kugez'ubu nta dossier yuzuye y'abakozi y'ibirarane ihari. Yasabye ababishinzwe kubyihutisha bikava mu nzira
- **Imishahara y'abakozi bakora mu kibuga :** NKURANGA Joseph yibukije ko abo bakozi bahembwa muri 20% y'amafaranga stade yinjiza igihe cy'imikino, asaba rero ko batazajya bibagirana. Naho kubyerekeye gestion ya stade muri rusange Umunyamabanga Mukuru yavuze ko hazaba inama yihariye yo kubyigaho kuko hari ibibazo byinshi.
- **Ikibazo cy'abakora isuku :** Umuyobozi wa Siporo yasabye ko buri Direction itareba iyi bâtiment dukoreramo nka stade ahubwo ko bakwiriye kuyifata nka bâtiment administratif, buri wese akita kw'isuku yayo (kandi abashinzwe isuku barahari benshi) ndetse hagira ikintu cyangirika bakareba vuba vuba uko cyasanwa bakaba bakwitabaza abashinzwe infrastructures ku bintu bikomeye naho utuntu duto nyine bakareba uko batwisanira.
- **Ikibazo cy'amacumbi y'abakozi :** Umunyamabanga Mukuru yasabye ko ibikorwa byatangira kuko mu bintu bifasha umuntu na stabilité nayo ari ngombwa cyane. Ati iyo umuntu afite ikibazo cy'icumbi ntashobora gukora akazi neza.
- **Ikibazo cyo kwivuza :** Abakozi bagombaga kuvurirwa mu mavuriro ya Leta bavuze ko barengana kuko ngo bakatwa amafaranga kandi kugez'ubu bakaba bataratangira kuvurwa kuko nta makarita MIFOTRA yari yabaha. Naho abandi bavurwa na SUREMED bo bafite ikibazo cy'uko ntayindi clinique yemera kubavura usibye ROI FAYCAL. Umunyamabanga Mukuru yababwiye ko icyo kibazo kiriho gikurikiranwa kandi ko bazajya bamenyeshwa aho bigeze.
- **Ikibazo cy'amadeni na prime :** Hari abakozi bavuze ko Minisiteri ibafitiye ideni. Urugero ni nkabakoze muri FESPAD iheruka bamwe babonye agashimwe abandi ntibakabona. Hari kandi abandi ngo basimbuye abari bafite prime ariko bo ngo ntibayibona kandi bakora akazi abo basimbuye bakoraga.
  - Ku kibazo cya mbere, Umunyamabanga Mukuru yatangiye avuga ko Minisiteri yakoze ibintu birenze amikoro yayo niyo mpamvu yafashe amadeni. Ati nubwo ayo madeni ifite ari menshi cyane agomba kwishyurwa, ati ariko muduhe igihe kuko arugushakisha, ati buhoro buhoro tuzajyenda tuyagabanya kugez'igihe azarangirira, kandi tuzagerageza kujya dufata amadeni macye.

- Ku kibazo cya kabiri cyerekeye prime, DAAF yavuze ko ntakuntu bari kujya basabira prime umuntu umwe umwe ati icyakora ubu hakozwe indi lisiti y'abantu bayikwiye mur'icyi gihe. Ati ntibizabatangaze bamwe nibabona batakiyifite.

- **Ikibazo cyabakenera imodoka bakazibura kandi zihari** : Umunyamabanga Mukuru yasobanuye ko umuntu wemerewe imodoka ari Minisitiri gusa naho izindi zikaba arizakazi. Zose zicungwa na Secrétariat général. Ati twahaye buri Direction imodoka yo kuyifasha kandi kugirango zifatwe neza buri modoka ifite umushoferi wayo uyimenya. Ati iyo umuntu acyeneye imodoka ntabwira umushoferi ahubwo gahunda iba yarateguwe mbere n'imodoka izajya murako kazi ikaba yarateguwe kuri gahunda. Umunyamabanga Mukuru yongeyeho ko basabye ko imfunguzo zose z'imodoka zigomba kurarana ushinzwe charroi.
- **Ikibazo cy'irembo rifunze bikaba bituma abantu bavunika bajya kuzenguruka.**

Umunyamabanga Mukuru yabajije Umuyobozi wa Siporo niba hari ikibazo byatera riramutse rifunguwe mu gitondo na nimugoroba. Amaze gusubiza ko ntakibazo, hemezwa ko rizajya rifungurwa mugitondo kuva saa moya n'iminota mirongo ine n'itanu kujyeza saa mbiri n'iminota cumi n'itanu (7h 45'- 8h 15'), na nimugoroba kuva saa kumi nimwe kugeza saa kumi nimwe na cumi n'itanu (17h 00 – 17h 15'). Kandi hemejwe ko nta muntu uzajya anyura mur'iryo rembo adafite carte y'akazi.

Inama yarangiye saa ine n'iminota mirongo ine n'itanu. Umunyamabanga Mukuru yayishoje asaba abantu gukora badashyize inyungu zabo imbere ahubwo gushyira imbere iz'igihugu. Ati nidukora neza bizaba ishema kuri buri wese. Ati kandi tugirane inama : muyitugire natwe tuyibagire kuko inama irubaka.

**<u>Umwanditsi</u> :**

TWAGIRAYEZU Innocent

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe guhuza Ibikorwa by'abahagarariye MIJESCAFOP muri za Perefegitura

**<u>Umuyobozi w'inama</u> :**

BARIKANA Eugène

Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP

## ABARI MU NAMA

| AMAZINA | SERVISI BAKORAMO |
|---|---|
| 1- RUTAZIBWA Bernardin | DCA (Folklore & Ballets) |
| 2-RUGAMBA Egide | DAAF |
| 3-NYANSHAIJA David | Directeur de la Jeunesse |
| 4- NTIDENDEREZA William | Directeur de la Formation Professionnelle |
| 5- Benoît NKURUNZIZA | Division Sports scolaire et Universitaire |
| 6- UWERA Christine | Secrétaire (Planification) |
| 7-RURANGIRWA Aron | Chef de Division Sport Scolaire |
| 8-TWAGIRAYEZU Innocent | Chef de Division coordination des services décentralisés |
| 9-NDASHYIKIRWA Eugène | Gestionnaire/camps de solidarité des Jeunes |
| 10-BAKANURIYE François | Inspection division programme |
| 11- KAYISIRE Louis | Chef magasin (APTACS) |
| 12- NKURANGA Joseph | Infrastructures et Equipement |
| 13- NGABOYISONGA Vincent | Chef de division Programme (Formation Professionnelle) |
| 14- MUBILIGI Guido | Chef de division action sociale |
| 15-MWISENEZA Domina | Secrétaire (DAAF) |
| 16-HATEGEKIMANA Emmanuel | DSG a.i |

| | |
|---|---|
| 17-NZEYIMANA Astérie | Gestionnaire du stock |
| 18-RWIGEMA Florent | Division Sports Civils |
| 19-GAHONGAYIRE Josée | Secrétaire Direction de Sports |
| 20-UWIMANA Léonie | Secrétaire du S.G |
| 21-NSENGA D.H | Chef de Division Production et Appui aux G.S.E |
| 22-BAKUNDA Odette | S/C Finance P.NRRNR |
| 23-RUMENGE Victor | Coordinateur Mouvements de la de la Jeunesse |
| 24-BUTOTO Jean | Chef de Division Patrimoine Culturel |
| 25-SHUMBUSHO Balthazar | Chauffeur |
| 26-MUKANDORI Diane | Gestionnaire |
| 27-MUTUMWINKA M. Rose | Division Infrastructures et Equipements |
| 28-NIYONZIMA Marthe | Standardiste |
| 29-KANTARAMA Espérance | Planton Département des Sports |
| 30-KOBUSINGYE Joy | IGA |
| 31-MUKAKABEJA Anne | Secrétaire Direction Sports |
| 32-MUBUMBYI André | Cadre à la D.C.A |
| 33-KAYOBOZI Prote | Direction Formation Professionnelle |
| 34-MUTAMBA Générose | Planton du Mémorial du génocide |

| | |
|---|---|
| 35-RWAMUJUGA Libérata | Magasinier Direction Jeunesse |
| 36-Manassé MWENEDATA | Direction des Sports |
| 37-GAKIRE Jean Paul | Direction des Sports |
| 38-MUREKATETE Bernadette | Secrétaire Direction de la Culture et des Arts |
| 39- DUSABE Odette | Planton/Jeunesse |
| 40-UWAMARIYA Clémentine | Planton/Jeunesse |
| 41-KARANGWA Callixte | Agent de l'IEC/Sante des Jeunesse/D.J |
| 42-KUBWIMANA Gertrude | Direction des Sports |
| 43-Soleil Joy | Direction des Sports |
| 44-UWANTEGE Louise | Folklore et Ballet |
| 45- MBABAZI Mary | Secrétaire du S.G |
| 46-MUKANDILIMA Valentine | Division Planification (Documentation) |
| 47-RANGIRA Joseph | Chef de Division Sports civils et loisirs |
| 48-UWIRAGIYE Charles | Assistant coordinateur |
| 49-NKUNDIMFURA J. Bosco | Direction de la Jeunesse (C.S.J) |
| 50-MUREKATETE Odette | Secrétaire à la Direction de la Formation Professionnelle |
| 51-MUHOZA Christophe | DCA/Commission Mémorial chargé du traitement a conservation |

| | |
|---|---|
| 52-NZAHUMUNYURWA P.Claver | Projet Education à la paix |
| 53-DUSANZIMANA Jeanne D'arc | Cabinet |
| 54-KIZARI Elias | Chef de Division Archives Nationales |
| 55-NKUSI François | Chef de section à la Division Production et Appui aux GSE |
| 56- RWIGEMA Paterne | Directeur des Sports |
| 57- RUTAYISIRE Alexis | Projet YPD |
| 58-NYIRABASIRIMU Phoëbé | Archives Nationales |
| 59-NTAZINDA Richard | DAAF |
| 60-MUHIZI François | Formation Professionnelle |
| 62-GAKIRE Innocent | Section Personnel |
| 63-MUKABATSINDA Christine | Attachée à la Division initiative pour l'Action sociale |
| 64-ZINDA Victor | Chef de section Production |
| 65-MUKAREMERA Liberata | Division Programme de la F.P |
| 66-NYIRABASHYITSI Harriet | Secrétaire à la Direction de la Jeunesse |
| 67-MULINDA Solange | Secrétaire à la Direction Formation Professionnelle |
| 68-MUSABYEYEZU Sarah | Secrétaire à la Direction Services Généraux |
| 69-BORA Eléonore | Secrétaire à la D.C.A |
| 70-UWAMAHORO Jacqueline | Planton |

| | |
|---|---|
| 71-SEKUBUMBA Séverin | Patrimoine Cultuel |
| 72-KANKESHA Immaculée | Secrétariat Particulier |
| 73-N. HATEGEKIMANA Pétronilla | Action Sociale |
| 74- UWIMANA Dorothée | Service du Personnel |
| 75-U.BERAHINO Chantal | Secrétaire de la Direction de services Généraux |
| 75-KEMIREMBE Peruth | Secrétariat central (Archives) |
| 76-MUNGANYINKA Eugènie | Secrétariat central (Archives) |
| 77-RUGANJI Daniella | Secrétariat central (Archives) |
| 78-HABIYAMBERE Béatrice | Encadrement et Mobilisation de la Jeunesse |
| 79-UWIZEYIMANA Dieudonné | Chauffeur |
| 80-NYIRATUNGA Anitha | Secrétariat central |
| 81-GAHONGAYIRE M. Madeleine | I.E.C/Santé des Jeunes |
| 82-RWAGATARE Alphonse | Chef Division Logistique (D.F.P) |
| 83-NYIRASAFARI Cécile | Logistique/Projet Camps de solidarité des jeunes |
| 84-HITIMANA Cyridie | Secrétaire/Permanent/ de l'ARBA |
| 85-BITWENGE Isaac | Chef de Division Etudes, Planification et Informatique |
| 86-KANYAMIBWA Simon | Chef de Charroi |
| 87- UMULISA Francine | Secrétaire/Division Folklore et des Ballets |

| | |
|---|---|
| 88-GATARAYIHA Jovin | Chauffeur |
| 89-RUTAYISIRE Théoneste | Chauffeur |
| 90-Mbabazi Marie Louise | Animatrice/Projet Camps de solidarité des jeunes |
| 91-MUKAMUSONI Immaculée | Secrétaire Projet /KAVUMU-NYANZA |
| 92-NSHIMAYEZU Israél | Division Infrastructure et équipement |
| 93-RWAKOJO Edward | Direction F. Professionnelle |
| 94-INYARUBAGA Claver | Chauffeur |
| 95-GASARASI Athanase | Chauffeur |
| 96-SAYINZOGA Alphonse | Chauffeur |
| 97-NDAGIJIMANA Epimaque | Direction de la Jeunesse : coordinateur du projet Santé Reproductive des Adolescents |
| 98-Emmanuel RUSHINGABIGWI | Projet Santé Reproductive des Adolescents |
| 99-Olive KAYITESI | Projet Santé Reproductive des Adolescents |
| 100-ZIMURINDA Henriette | Projet Santé Reproductive des Adolescents |
| I01-GATABAZI Aloys | Division Etudes Planification et Informatique. |